

# MUSANA

## EXERCISE BOOK

32 PAGES

Name: ______________________

School: ______________________

Class: ______________ Year ______________

Subject: ______________________

KNOWLEDGE IS WEALTH

NYIRAKAMANA Théodosie.

Prefecture Gitarama

Commune kayenzi

secteur Gihira.

école secondaire Muramba ECOSE

NYIRAKAMANA Théodosie.

Maman wanjye yitwa Nyirahabimana
Théromene

Papa yitwaga. Kamana Gabriel.

Commune Kayenzi

Secteur Gihira

. Gitarama

Nyewe Nyirakamana Théodosie ubuhamya
bw'ibyo nabonye mu ntambara yo 1994
ni byinshi. ubwo intambara yarabaye
ubwo yabaye nari kwa Nyogokuru, ubwo
ibaye ndahaba maze kubaba ndahaguma
kuko navugaga ko nintaha ndibupfe
byanze bikunze, ubwo nagya mu nzira n'abantu
bakavuga ngo uri umututsi ngo dore uko
urebe ngo dore ngo nako kazuru ke, nuko
nkababwira nti ese burya abantu bagira
amazuru atandukanye kuko ntarinzi ibyaribyo
n'uko barambwira ngo ubwo bamwica.
n'uko ndaceceka ndabihorera.
ubwo muri iyo minsi abantu bagahora
bavuga ~~kuwo~~ ngo kwa Rukabura cumu hari
abatutsi ubwo bazaga gusaka buri munsi
n'uko baza gusaka hari igiti bari baratemye
ahari abantu mu rutoki ki nyamye has.
ubwo nkagenda ngesasa ndutaka nkaryama
minsi ya cyagiti.

ni mwe bajye gusaka n'uko barambona n'uko baravideka bari bafite amacumu, ibisongo, imihoro hamwe n'ibyuma (inkota)

Ubwo bajya muri kuko bavugago ko na papa ahari n'uko inzu yose baranyi(?) bagajajaga n'uko bamubure barambwira ngo tuge nge ubwo aho bambwiragà kujya ni muruzi, umwe muribo aravuga ngo ni mu mwihorere muve kwica imijya uko kwige ma.

Ubwo bageraho baragenda n'uko bagahora bavuga ngo turajye kwica ya nkotanyi ngo kato itazatwivugana ngo kuko buriya na bene wabo barahari.

Ubwo intambara yabaye nyiga mu wagatanu mu mashuri abanza.
Ubwo haje umugabo abaza Nyogokuru ngo kuki uriya mwana wawe atiga, kuko ubwo abanyeshuri bari bayiga. Nuko Nyogokuru aramusubiza ati nabure itamujyamayo (F) nuko aramubwira ngo ntera imbuga maze azubise kw'ishuri, nuko ubwo Nyogokuru yagirango amwumve kuko uwo mugabo yari aje gusaba kugira ngo gumve ko hari abandi bahari, Nuko uwo mugabo aramubwira ati iyo magnyashaho n'uko wamuhapa ukamujyana aho abandi bari mo kubashyira (mu ruzi)

Ubwo Nyogokuru yamaze kubyumva ajira agahinda n'ubwoba kuko yari azi ko bagiye kunyica.
Ubwo muri iyo minsi n'uko Maman akaza n'akana yari ahetse gatoya.
Ubwo no nicho aje abandi batangira kugira urwikekwe yane bavuga ngo buriya hari n'abandi benshi.

n'uko batumira Maman ngo aze asobanure ubwoko bw' abo bana, n'uko aragenda arabambwira ngo ntazagire aho atujyana na ngo nibashaka kuza kutwica bazaze. ngo kandi nitugenda ngo bazara bice uwo mukecuru (Nyogokuru)

Ubwo n' abantu b' imw' icam bari mo kubaririza aho turi ngo baze kutwica. Ubwo muri iyo ntambara na pfushije papa n' abo twavaga inda imwe bari ndwi. (7)

Hari mo bakuru banjye babiri umwe yigaga mu wa kabiri mu mashuri makuru nari mfite basaza banjye batatu umwe yigaga mu wa kane mu mashuri makuru i Nyakabanda, mfite mashiki banjye babiri bigaga ~~m~~ primère.

Ubwo urupfu rwabo uko bapfuye ntabwo nari mpari umbye ko mu muze abantu babivuga. Ubwo bajya kwica papa yari kumwe na mukuru wanjye mukuru ~~n'uko~~ witwaga Tewofila. N'uko umwe muri abo babishe abwira papa ngo nabanze akongoze umukobwa we ngo ye gupfa atarongowe, ubwo bamaze kubakorera ibya bibi barabica, ibyo nabyo biri mu birushaho kunkomeretsa. uwo mubiyngu yitwa Rupyori karaveri ubu arafunze i Kayenzi ubwo ariko hari n' abandi bafatanyije mu ntambara nafushijemo n' abandi bantu benshi hari mo badata wacu na ba masenge n'abana babo na Nyogokuru pubyana papa7 urebye abantu bapfuye banjye bare nga 32.

Ubu nasigaranye na Maman n' ako kana gato ya twe nyine.

None ubu mfite ikibazo iyo kurwaraguzika. Indwara igifu cyane kikagezayo, hari n'izindi ndwara njya ngira kubera ibibazo byabaye mu ntambara, aiko nkagerageza kwiyambaza Imana nkagera ubwo binanira kubera agahinda.

Ubu na mama wawe turi kumwe n'umukecuru nawe agerageza kwihanganira buhoro buhoro.

The remaining pages of this booklet were blank and are not included in this digital reproduction.